**TUMENYE BIBILIA**
**IKIGANIRO NO 0032**

Uraho neza nshuti muvandimwe uteze amatwi ikiganiro TUMENYE BIBILIYA. Amahoro y'Imana nabane nawe. kaze muri iki kiganiro ugezwaho nanjye Parfait NTAMVUTSA.

Ubushize nakubwiye uko umugaragu wa Aburahamu yagiye gushakira Isaka umugeni. Igihe yageraga kwa Labani, yavuze ko adashobora kurya atababwiye ikimugenza. Iyi niyo myitwarire ya Mwuka wera waje mu isi, iyi niyo buzinesi ya mbere ya Mwuka wera kuko yerekeza ku Mana. Hano mu isi hari bizinesi nyinshi, mu bucuruzi, mu buyobozi, mu nganda, ariko ibyo byose ntibyerekeza ku Mana. Mwuka wera ari hano ku isi kugira ngo adufashe kwegera Imana.

Ibuka ko atigeze avuga izina ariko Imana yacu Yesu Kristo yavuze iti « Mwuka wera igihe azaza ntazaba aje kubwe, ahubwo azaba avuga ku bwanjye ababwire ibyanjye reba » (yohana 16 :13–15). Ni irihe zina rya Mwuka wera ? Ntazina afite, ntiyaje kubwe, birasa na hano kuko umugaragu ntiyavuze izina rye ahubwo yavuze ko ari umugaragu wa Aburahamu.

Twabonye ukuntu umugaragu yavuze iby'inzu ya shebuja. Uku niko Mwuka wera ashaka ko wamera, arashaka ko tumenya ibi bintu bitatu : Umucyo, icyaha n'urubanza. Mwuka Wera arashaka ko tumenya ko hari urubanza ku buzima bw'icyaha ndetse no ku muntu wese ukora icyaha. Hari abavuga ngo umuntu yatawe kubera ko yirengagije Kristo. Oya sibyo rwose ! ahubwo umuntu yatawe kubera ko ari umunyabyaha. Yaba yaramumenye cyangwa atamuzi umuntu atabwa kubera icyaha. Mwuka wera yaraje atubwira ibya Kristo ko ari umucunguzi, akaba ariwe wababajwe kubwacu akatubera umucyo kugira ngo tubone umwanya mu Ijuru « ngo Imana yahaye umugisha databuja »Nshuti yanjye Imana yacu irakize kandi muri byose.

Umugaragu yavuze ko yatumwe umugeni w'umuhungu wa shebuja kandi yiteguriye kuzamuraga ibye byose.

Reka twongere ducishe amaso kuri iyi nkuru y'umugaragu wa Aburahamu wasabye kujyana na Rebeka n'ubwo byabaye mu myaka myinshi ishize. Labani yavuganaga n'umushyitsi, umunyamahanga kandi baramuvugisha bamwubashye cyane nk'umwami. Bagaburiye ingamiya ze, bafata neza abo bazanye bose, bamuhaye inyama, ariko we yari afite ikimugenza kidasanzwe kandi yarakibabwiye. Ndabona uyu mugaragua azaniye uyu muryango impano z'ifeza n'izahabu. Wibuke ko Aburahamu yari umukire cyane. Hanyuma wa mugaragu atangira kubabwira ibyo kwa shebuja, igihe yavugaga ntekereza ko uwo muryango wari ukoze uruziga na wa mukobwa mwiza utangaje ateze amatwi yitonze cyane yumva ibyo umugaragu avuga kuri Isaka, avuga ubuzima bwe n'uburyo yavutse mu buryo bw'igitangaza, avuga uburyo Se yamujyanye ku musozi wa Moriya kumutangaho igitambo ku Mana, ariko nyuma Imana ikamusuza se ari muzima. Nyuma ababwira uko shebuja yamutumye gushaka umugeni w'umuhungu we Isaka, kandi ko adashaka ko arongora Umunyakananikazi, ko ashaka uwizera Imana yizera, uwavutse ubwa kabiri kubw'ijambo ry'Imana.

Rebeka yari yateze amatwi yumva wa mugaragu, maze uwo mwanya bose bahindukira kumureba baramubaza bati « Rebeka urabivugaho iki?"urajyana n'uyu mugabo? Rebeka ntiyarebye hirya cyangwa hino,ntiyajijinganyije mu kuvuga ngo 'Ndagenda'

Ese waba warabonye ko uwo Yesu yahamagaye asiga ibye byose akamukurikira? Uribuka intumwa ze ko zasize byose zikamukurikira? Yego ; nyuma y'igihe baragarutse ariko muri uwo mwanya usiga byose. Baramukurikiye, bajyana nawe. Mwuka wera n'uyu munsi aracyahamagara, uyu mugaragu afite ishusho ya Mwuka Wera. Data na Mwuka wera bohereje Umwana ngo aze mu isi adupfire, igihe umwana yari asubiye mu ijuru yohereje Mwuka wera, kudukomeza. Mwuka wera yaje mu isi arimo arahamagara umugeni uyu munsi. aravuga ati "mbese uragenda?"uy niwe wagupfiriye azagutabara. Ugomba kubohoka mbere ya byose, uze imbere ye nk'umunyabyaha, fata umwanzuro mwiza, umwemere nk'Umucunguzi wawe. Nubikora uzavuka ubwa kabiri, ube umwana w'Imana, ushyirwe mu Itorero ari ryo Mugeni wa Kristo. Ikibazo ni iki "Ese uragenda?"Uritaba uwo muhamagaro? Urizera Kristo nk'Umucunguzi wawe?si ibyo urinda kwibazaho,urabikora cyangwa ntubikora ?

Ubwo bagendaga bakoze urugendo rurerure basubirayo, ntacyo batubwira kuri uru rugendo ariko ndabizi ko bitoroshye gutwara ingamiya, bazita ngo ni ubwato bwo mu butayu! Ntabwo byoroshye kugendesha ingamiya, ndikwibaza uko byari bimeze bagenda n'izo ngamiya bukabiriraho mu gihe bagiye kuryama, nkumva Rebeka abaza umugaragu ati subira umbwire ibya Isaka, maze umugaragu akamusubiza ati « urashaka ko nkubwira iki? » Rebeka ati : « mbwira uburyo yavutse, mbwira uburyo se yamujyanye kumutamba ku musozi » Byari nk'indirimbo yacu ivuga ngo « Mbwira, mbwira iby'inkuru za Yesu n'urukundo rwe » Aramusubiza ati ariko nabikubwiye mu ijoro ryashize. Rebeka ati ndabizi ariko bisubiremo, ni uko umugaragu abisubiramo, Rebeka arara arota kuri Isaka, yibaza igihe azaba ahuye nawe uko bizagenda. Bukeye bakomeza urugendo muri bwa butayu bugoye kugenda, kandi bushyushye. Barakomeza kugeza ubwo bageze kuri bwa butaka bw'isezerano babwinjiramo bagera kuri Lahayiroyi.

Mu kiganiro cy'uyu munsi ndifuza ko dutangira igice cya 25, aho dutangira batubwira ibyo umugore wa kabiri wa Aburahamu witwaga Ketura.

**ISOMO/*Aburahamu, ashyingiranwa na Ketura, Aburahamu apfa, Esawu na Yakobo*.**

Igice cya 25 ni igice gikomeye cya Bibiliya. Kivuga ku rupfu rwa Aburahamu, no kuvuka kw'impanga za Isaka na Rebeka ari zo : Esawu na Yakobo. Turabona igisekuru cya Ishimayeli n'icya Isaka. Iki gice kirangirana n'ubuzima bwa Aburahamu, ariko inkuru ye irangirira mu gice cya 23, ubwo yari atumye umugaragu we gushaka umugeni wa Isaka.

## ABURAHAMU ARONGORA KETURA

**Aburahamu arongora undi mugore witwa Ketura.**

**Babyarana Zimurani,na Yokishani na Medani na Midiyani,na Yishibaki,na Shuwa. [Itang. 25:1–2].**

Nyuma y'urupfu rwa Sara, yagize umuryango munini. Hari abashobora kwibaza ikibazo bati "igihe cyo kuvuka kwa Isaka Aburahamu yari ashaje cyane kuburyo atashoboraga kubyara abandi bana". Nibyo yari ashaje, ariko iyo Imana yasinye ibintu biraba ntawugomba gusninyura cyangwa ngo yitambike ku byo yavuze ku muntu, aha turabona ko kutabaye ukubyara Isaka gusa ahubwo yagize umuryango w'abana benshi.

Ikintu cy'ingenzi hano ni Medan na Midiyani, simbitindandaho cyane, ariko Midiyani we dufite icyo duhuriyeho.Tuzabona uko Musa yagiye gukura umugore mu ba Midiyani. Icyo tubona hano ni uko hari abandi bahungu ba Aburahamu, ariko Imana yaravuze ngo ukurumbuka kwa Aburahamu kwazanywe na Isaka, ntabwo ari muri aba bahungu bandi, ntabwo ari Ishimayeli, cyangwa Midiyani abo bari abagenzi bo mu butayu.

## URUPFU RWA ABURAHAMU

**Aburahamu yahaye Isaka ibye byose.**

**Ariko abana b'inshoreke Aburahamu yari afite abaha Impano akiriho, arabohereza ngo batandukane na Isaka umwana we, bagende berekeje I burasirazura, bajye mu gihugu cy'iburasirazuba.**

**Iminsi Aburahamu yaramye ni imyaka ijana na mirongo irindwi n'itanu.**

**Aburahamu ageze mu za bukuru, aramye imyaka myinsi, umwuka urahera, apfa ashaje neza asanga bene wabo.**

**Abana be Isaka na Ishimayeli, bamuhamba muri bwa buvumo bw'I Makipela buri mu isambu ya Efuroni mwene Sohari Umuheti, iri imbere y'I Mamure.**

**Niyo sambu Aburahamu yaguze n'Abaheti, ariho bahambye Aburahamu na Sara umugore we. [Itang. 25:5–10]**

Ishimayeli yaje gufatanya na Isaka gushyingura Aburahamu kuko yari se wabo bombi. Isaka ahita ajya gutura ahantu yahuriye na Rebeka ubwa mbere.

**Aburahamu amaze gupfa Imana iha umugisha Isaka umwana we, Isaka yari atuye hafi ya rya riba ryitwa Lahayiloyi. [Itang. 25:11].**

Kuva ku murongo wa 12-18, dufite igisekuru cya Ishimayeli umuhungu wa Aburahamu. Nagira ngo ukurikire neza maze urebe ukuntu Umwuka wera akorera muri iki gitabo cy'Itangiriro. Iki gitabo cyerekana ibisekuruza bya Kristo uko byagiye bikurikirana ntakwibeshya kurimo namba. Nyuma yo kwerekana urubyaro rwa Ishimayeli tujye ku rubyaro rwa Isaka.

## KUVUKA KWA ESAWU NA YAKOBO

**Uru ni urubyaro rwa Isaka umwana wa Aburahamu, Aburahamu yabyaye Isaka. [It. 25:19].**

Uyu niwo murongo tugiye gukurikira.”Aburahamu yabyaye Isaka, Isaka abyara Yakobo”uku ni ko igitabo cya Matayo gitangira, nk’uko twabibonye aba bagabo bagize abandi bana. Aburahamu yari afite abahungu benshi, ariko siko bose bari ab’isezerano.

**Isaka yari amaze imyaka mirongo ine avutse, ubwo yarongoraga Rebeka, mwene Betuweli Umwaramu w’i Padanaramu, mushiki wa Labani Umwaramu.**

**Isaka yingingira umugore we Uwiteka kuko yari ingumba, Uwiteka yemera kwinginga kwe, Rebeka umugore we asama inda. [Itang. 25:20–21].**

Biratangaje, Rebeka yari ingumba nka Sara, ariko kubwo gusaba kwa Isaka Rebeka asama inda y’ impanga.

**Abana bakiranira mu nda ye aribaza ati”ubwo bimeze bityo, ibi bimbereyeho iki?”Aragenda ajya kubaza Uwiteka. [Itang. 25:22].**

Ukutumvikana kw’aba bahungu byatangiye bataranavuka. Bigaragaza ibiri kuri iyi si ya none. Hari ukutumvikana hagati y’Umwijima n’umucyo, Umwuka wera na Satani, ibi Pawulo arabitubwira mu gice cya karindwi yandikiye Abaroma. Rebeka ntiyigeze yumva ibiri kumubaho, bituma yibaza ati”kubera iki jye?”

**Uwiteka aramusubiza ati”inda yawe irimo amahanga abiri, amoko abiri azatandukana, ahereye igihe azavira mu mara yawe, ubwoko bumwe buzarusha ubundi amaboko, umukuru azaba umugaragu w’umuto. [Itang. 25:23].**

Imana yamubwiye ko umukuru azaba umugaragu w’umuto, kandi Rebeka n’umuhungu we muto bagombaga kubyemera gutyo.

**Maze igihe cyo kubyara kwe gisohoye, zari impanga mu nda ye, Gakuru avuka atukuye, ari cyoya nk’umwenda w’ubwoya, bamwita Esawu. (Itang. 25:24–25)**

ESAWU bisobanura “umutuku”cyangwa “isi y’amabara” Kuko yavutse mbere yagombaga kwitwa, umukuru, ariko umukuru ngo azaba umugaragu w’umuto.

**Hakurikiraho Gato, afashe agatsintsino ka Esawu, amwita Yakobo. Kandi Isaka yari amaze imyaka mirongo itandatu avutse, ubwo Rebeka yababyaraga. [Itang. 25:26].**

Isaka na Rebeka bari bamaranye imyaka makuyabiri babanye, ubwo Rebeka yabyaraga aba bana, Yakobo yarafashe agatsintsino ka Esawu waje kwitwa Umutuku. Yakobo bisobanura gufata ububasha bw’undi, kuko yashakaga kuba umukuru ngo asimbure mukuru we.

**Abo bahungu barakura Esawu aba umuhigi w’umuhanga w’umunyeshyamba, Yakobo we yari umunyamahane make, yabaga mu mahema. [Itang. 25:27].**

Reka turebe kuri aba bahungu babiri, ni impanga ariko baratandukanye cyane kurusha abandi bantu bose, ntibumvikanaga kuva bakiri no munda ya nyina.

Esawu yari umuhigi, yari umwana wo hanze ibyo mu rugo ntacyo byari bimubwiye, Yakobo yari umuhungu wo mu rugo, yari umuhungu wa nyina kuko yakoraga ibyo nyina amubwiye, Esawu we yari uwa se.

**Maze Isaka yakundiraga Esawu kuko yajyaga arya ku muhigo we, Rebeka we yakundaga Yakobo. [Itang. 25:28].**

Uru rugo rwari rufite ikibazo kuko buri mubyeyi yari afite umwana we akunda kandi iyo mu muryango bimeze bitya icyo gihe havuka ibibazo.

"Isaka yakundiraga Esawu, kuko yamuzaniraga umuhigo" Isaka yakundandaga uyu muhungu utaba mu rugo, Rebeka we akikundira Yakobo umuhungu wa nyina.

Esawu yari umusore ushabutse, ariko Yakobo atuje, n'ubwo Esawu yari ashabutse afite ibakwe ntiyari ayobowe n'Imana, ntiyari mu bushake bw'Imana. Yari uw'isi ubwo nibwo bwari ubuzima bwe.

Yakobo yari afite ugushaka kwa Mwuka wera, n'ubwo byafashe igihe kugira ngo Imana imuhe Mwuka wera ariko yarabikoze. inkuru ya Yakobo iraboneka no mu gitabo cy'Itangiriro, turaza kubibona ko yari umugabo w'Imana n'ubwo atabyerekanye cyane mu buzima bwe.

Muri iki gice bariho baratubwira icyabaye muri uru rugo, kubera umwihariko wa buri mubyeyi ntiwashoboraga kuzana umunezero mu rugo.

**Bukeye Yakobo ateka imboga, Esawu arinjira avuye mu ishyamba, Esawu abwira Yakobo ati"Ndakwinginze ngaburira ku bitukura utetse, kuri ibyo bitukura byawe kuko nkooza".**

**Yakobo aramusubiza ati"keretse twagura ubutware bwawe uyu munsi"**

**Esawu aramusubiza ati "ubuse ko ngiye gupfa, ubwo butware bumariye iki?" [Itang.25:29–32].**

Iki kintu kibaye kirerekana ubumuntu bwa buri umwe muri aba bahungu. Esawu yari ashonje cyane kandi ananiwe avuye guhiga. Nta muntu wo kwa Aburahamu wari kwicwa n'inzara kuko hagombaga kuba hari ibyo kurya buri gihe ariko kuri iyi nshuro nta kintu cyari gihari cyo kurya giteguye uretse izi mboga  Yakobo yari yatetse. Esawu yirirwa azerera, Yakobo yari uwo mu rugo, twavuga ko yari umuyobozi w'urugo ati "ndakwinginze ngaburira, kuko nshonje. Kera yitwaga Edomu bisobanura umutuku nka Esawu.

Reka turebe agaciro ko kuba uri imfura.Yakobo yaguranye umwanya wo kuvuka na Esawu kuko yabonaga ko Esawu ataberanye no kwitwa umukuru mu muryango, ko adashobora kuyobora umuryango ngo uwujyane kuri Kristo, Yakobo rero we ni icyo yashakaga, kwitwa umukuru kugira ngo akore iby'umukuru akwiriye gukora.

Kuri iki gihe hari aba Kristo ubwira gukora ikintu mu itorero akagusubiza ngo, urumva…jye sindi pasiteri….sinabikora! Ni benshi badashaka gukora ibyo Mwuka wera ashaka, badashaka no kwerekana ko bibashishikaje.Uwo ni Esawu ntiyashakaga kubyerekana.Iyo hagira umuhamagara umunyetorero cyangwa umupasiteri, yari kuba amututse. ntiyashakaga uwo mugisha wo kuba ari imfura, ntiyigeze yita kuri iyi nzira igana kuri Kristo. Nta muntu wari ukwiye kwirengagiza iyi nzira.

Yakobo arabireba aramubwira ati"Mpa ubutware bwawe ndaguha imboga urye"undi nawe ati ndabikora nishimye, ubundi se ubwo butware bumariye iki? Ntiyitaye kuri ubwo butware maze ahabwa isorori yimboga". Umva nawe agaciro yahaye umurimo wa Mwuka wera!

**GUSOZA**

Twibuke ko Yakobo nawe hano yakoze amakosa. Imana yavuze ko umukuru azahakwa n'umuto. Yakobo ntiyategereje igihe cy'Imana ngo imuhe ubutware nk'uko yari yarabisezeranije, yagombaga gutegereza Imana ikamuha ubwo bukuru. Uyu mugabo Yakobo yakoresheje ubwenge bwinshi kugirango abone ubutware n'ubwo yari kuzabubona ariko nanone yarashyuhagujwe abyina mbere y'umuziki!

**Yakobo aramubwira ati"ndahira uyu munsi"aramurahira agurisha Yakobo ubutware bwe.**

**Yakobo aha Esawu umutsima n'ibishyimbo yatetse, ararya, aranywa, arahaguruka arigendera. Uko niko Esawu yasuzuguye ubutware bwe. [Itang. 25:33–34].**

Esawu ataye ubutware bwe kuko kuri we ntacyo bwari bumumariye. Mfite ubwoba ko dufite abakristo mu itorero uyu munsi bameze batya. Ntibafite ubushobozi bwo gusobanukirwa no kumva ukuri kwa Mwuka wera. Ndibaza ko iki ari cyo cyari gikwiye kuranga umukristo, kugira Umwuka w'Imana akamwigisha kandi akamuyobora. Turaza kubona ubwenge bwinshi n'ubucakura bwa Yakobo mu gice cya 27.

*Mwami Yesu tabara itorero ryawe, abakristo benshi bariho barasuzuguza Umwuka Wera utuye muri bo, nk'uko Esawu yasuzuguye ubtware bwe imbere ya murumuna we Yakobo, uko niko abakristo benshi bamaze kwiyambura agaciro mu b'abanyamahanga aribo bapagani. Ndagusabye Mana kugira ngo umurike imitima y'abakristo kugira ngo Itorero ryawe rikomere maze isi ihabwe umugisha kubwaryo. Mu izina rya Yesu Kristo, Amen!*

*Nshuti yanjye ntuzacikwe n'ikiganiro kizakurikira. Tuzatangira igice cya 26 cy'Itangiriro aho tuziga byinshi kuri bimwe mu byaranze buzima bwa Isaka umuhungu wa Aburahamu*

*Amahoro n'umugisha biva ku Mana Data n'Umwana wayo Yesu Kristo n'Umwuka Wera bibane nawe!*